ABESAMIHIGO BA KAMONYI NEWSLETTER
APRIL 2024

# MUGINA: HABAYE IGIKORWA CYO KWIBUKA KU NSHURO YA 30 JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994







Tariki 26 Mata 2024, ku Rwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 rwa Mugina, habereye igikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi. Abayobozi, inshuti n'abavandimwe bifatanyije n'abaturage bo ku Mugina by'umwihariko kunamira Abatutsi biciwe mu cyahoze ari Komini Mugina ubu ni mu Mirenge ya Mugina na Nyamiyaga.

Umushyitsi mukuru ni Guveneri w'Intara y'Amajyepfo Mme Kayitesi Alice, gahunda yanitabiriwe na Hon. Depite Rwaka Pierre Claver ari nawe watanze ikiganiro ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

Igikorwa cyitabiriwe kandi n'Abagize inama y'Umutekano itaguye y'Intara, Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere na bagenzi bagize komite nyobozi, inama y'umutekano itaguye y'Akarere, Abayobozi b'Uturere twa Ruhango na Bugesera,Abagize Inama Njyanama, inshuti n'abavandimwe baje kwifatanya n'abatuye hano mu Murenge wa Mugina kwibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Uru rwibutso rwa Jenoside rwa Mugina hari hashyinguye imibiri igera ku 59.122, kandi kuri uyu munsi twashyinguye imibiri 91 (harimo 73 yabonetse mu Murenge wa Nyamiyaga na 18 yabonetse mu Murenge wa Mugina). Bityo uru rwibutso rukaba ruruhukiyemo imibiri 59,213.







# ICYUMWERO CY'ICYUNAMO CYO KWIBUKA KU NSHURO YA 30 JENOSIDE, CYATANGIRIJWE MU MURENGE WA GACURABWENGE













Tariki 07 Mata 2024, hirya no hino mu Midugudu yose yo mu Mirenge igize Akarere ka KAMONYI, habereye igikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ni igikorwa cyaranzwe muri rusange n'ubutumwa bw'ihumure, ikiganiro ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi, habayeho kandi no kumva ubuhamya bw'Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ku rwego rw'Akarere ka Kamonyi igikorwa cyabereye ku rwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 rwa Kamonyi rwubatse mu Murenge wa Gacurabwenge. Ubuyobozi bwafatanyije n'inshuti n'abavandimwe gushyira indabo ku mva zishyinguyemo imibiri y'Abatutsi bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 mu rwego rwo kunamira izi nzirakarengane.

Gahunda yitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere na bagenzi be bagize komite nyobozi y'Akarere, Visi Perezida w'Umuryango Ibuka ku rwego rw'Akarere bwana Mucundanyi Robert, abagize inzego z'umutekano mu Karere, abajyanama mu nama njyanama y'Akarere, abafatanyabikorwa n'abatuye muri uyu Murenge wa Gacurabwenge bitabiriye iki gikorwa gitangiza gahunda yo kwibuka.

## MUSAMBIRA HABEREYE UBUKANGURAMBAGA KU KWIMAKAZA ISUKU N'ISUKURA

Tariki 16 Mata 2024 mu Murenge wa Musambira mu Kagari ka Karengera, habereye ubukangurambaga bwo kwimakaza isuku n'isukura. Ni igikorwa cyateguwe ku bufatanye n'umufatanyabikorwa FXB usanzwe ufasha Akarere mu bikorwa by'isuku.



Muri iyi gahunda hanatanzwe ibikoresho by'isuku ku miryango 100 itishoboye yatoranyijwe yo mu Kagari ka Cyambwe ndetse banahabwa cheque ya miliyoni 27 ( 27,136,000 Frw) yo kwiteza imbere.



Iki gikorwa cyitabiriwe n'Umuyobozi w'akarere ka Kamonyi Dr. Nahayo Sylvere, hari kandi umuyobozi Mukuru wa FXB mu Rwanda.





## I RUNDA BIBUTSE KU NSHURO YA 30 JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MURI UYU MURENGE






Ku Rwego rw'Umurenge wa Runda, tariki 15 Mata 2024 habaye igikorwa cyo Kwibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994. Umushyitsi mukuru yari Senateri Mukakarangwa Clotilde. Iki igikorwa cyitabiriwe kandi n'abandi bashyitsi batandukanye bahawe ikaze n'Umuyobozi w'Akarere Dr NAHAYO Sylvere barimo Senateri Mugisha Alexis na Depite Nyabyenda Damien batuye mu murenge wa Runda, ba Vice Mayor bombi, Abahagarariye inzego z'Umutekano ku Karere (Ingabo, Police, RIB, RF, NISS na DASSO) n'Uhagarariye IBUKA mu Karere ka Kamonyi.



Iyi Gahunda yabanjirijwe n'Urugendo rwo Kwibuka rwaturutse ku biro by'Umurenge wa Runda kugera ku mugezi wa Nyabarongo ahashyizwe indabo mu Rwego rwo guha agaciro Abatutsi bishwe bakajugungwa Muri Nyabarongo.



## RUGALIKA: HATANGIRIJWE KU RWEGO RW'AKARERE UMWAKA W'UBWISUNGANE MU KWIVUZA 2024/2025.









Kuwa 16 Mata 2024 mu Tugari twose hatangijwe umwaka w'ubwisungane mu kwivuza hanasozwa ku mugaragaro gahunda ya mutuweli y'uyu mwaka turi gusoza w'ingengo y'imari 2023/2024.

Mu Murenge wa Rugalika, Akagari ka Sheri niho ku rwego rw'Akarere hatangirijwe igikorwa cy'ubukangurambaga bwa Mituweli y'umwaka wa 2024/2025 cyatangijwe ku mugaragaro n'Umuyobozi w'Akarere ka Kamonyi Dr.NAHAYO Sylvere wakiriwe mu Nteko y'abaturage n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Rugalika, Bwana Nkurunziza Jean de Dieu.

Impamvu iyi gahunda yabereye muri uyu Murenge, ni mu rwego rwo kubakangurira kwihutisha igikorwa cyo kwitabira kwishyura Mituweli kuko uyu mwaka usoje bari ku mwanya wa nyuma mu rwego rw'Akarere.

Muri iyi nteko y'abaturage, umukozi w'Akarere Bwana Kabera Innocent yibukije abayitabiriye ko mu rwego rwo kwihutisha igikorwa cyo kwishyura Mituweli hakiri kare bakoresha uburyo bwa Byikorere biyishyurira mituweli bakoresheje telefoni zabo ngendanwa aho bakanda *909# bagakurikiza amabwiriza.

Muri iki gikorwa kandi Umuyobozi w'Akarere yashyikirije Umurenge wa Kayenzi n'Akagari ka Mukinga mu Murenge wa Nyamiyaga ashimira abaturage b'uwo Murenge n'ako Kagari kuba barabaye Indashyikirwa mu kwitabira Mituweli ya 2023/2024.

# RUKOMA: HASOREJWE AMARUSHANWA Y'UBUKANGURAMBAGA KU RWEGO RW'UTUGARI





Mu Mirenge hashojwe amarushanwa y'umupira w'amaguru yateguwe mu rwego rw' ubukangurambaga aho abayitabiriye baganirijwe ku ngingo zikurikira: Kwishimira ibyagezweho mu myaka 30 ishize, imyiteguro y'amatora ateganyijwe muri Nyakanga 2024 no kwegeranya ibyangombwa bazakenerwa, kwitegura neza gahunda yo kwibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ku rwego rw'Akarere aya marushanwa yashorejwe mu Murenge wa Rukoma mu Kagari ka Taba ahabereye imikino yahuje Utugari twakinnye imikino ya nyuma ku rwego rw'Umurenge wa Rukoma.



-Umuyobozi w'Akarere ka Kamonyi Dr.NAHAYO Sylvere akaba yitabiriye iyi mikino aho yasabye abitabiriye iyi gahunda gukomeza gusigasira ibyiza Igihugu cyacu kimaze kugeraho, kuzitabira amatora ateganyijwe muri Nyakanga 2024 no kuzitabira ibikorwa biteganyijwe muri gahunda yo kwibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi.





# NGAMBA HATANGIRIJWE KU RWEGO RW'AKARERE IBIKORWA BY'UBUDAHERANWA BISHIMANGIRA UBUMWE N'UBWIYUNGE MU BANYARWANDA







Tariki 05 Mata 2024, mu Mirenge yose hatangijwe gahunda y'ubudaheranwa. Mu butumwa bwatanzwe, abaturage basabwe kwimakaza imibanire myiza, bityo bakarushaho gukomeza gusigasira ubumwe bwabo kuko ariwo musingi y'imibanire izira amakemwa.

Mu gihe twitegura kwibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, Umuyobozi w'Akarere yasabye abaturage kwirinda imvugo n'ibikorwa bikomeretsa abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Yabibukije no kuzitabira ibiganiro biteganyijwe.

Muri iyi gahunda Dr. Nahayo Sylvere ari kumwe na V/P wa Ibuka ku Karere bwana Mucundanyi Robert bitabiriye ibi bikorwa mu Murenge wa Ngamba, VM ushinzwe ubukungu bwana Niyongira Uzziel yari mu Murenge wa Nyamiyaga, naho VM ushinzwe imibereho myiza yari mu Murenge wa Rugalika.



# NYARUBAKA: HATASHYWE KU MUGARAGARO "MATERNITE" YA NYAGIHAMBA

Mu rwego rwo gufasha ababyeyi kubona serivisi yo kubyara hafi yabo kandi ahantu hagutse, ku Kigo Nderabuzima cya Nyagihamba mu Murenge wa Nyarubaka habereye umuhango wo kwakira ( inzu y'ababyeyi) maternity yubatswe ku bufatanye na FH Rwanda.

Uyu muhango witabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere, hari kandi umuyobozi wa FH Rwanda, intumwa ya Musenyeri wa Diosezi ya Kabgayi, inzego z'umutekano, abihayimana n'abandi bayobozi mu nzego zitandukanye.

Ababyeyi bavuze mu izina rya bagenzi babo, bagaragaje ko iyi nyubako yaje ari igisubizo kuri bo kuko byababagoraga kugera ku kigo nderabuzima aho bagomba guhabwa serivisi zo kubyara, kuko i Nyagihamba bari bafite ahantu hato ho gufashiriza ababyeyi bageze igihe cyo kwibaruka.













## GACURABWENGE HABAYE INAMA N'URUBYIRUKO RW'ABAKORANABUSHAKE







Tariki 03 Mata 2024 muri ESB Kamonyi, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza Mme UWIRINGIRA Marie Josee yakiriye umuhuzabikorwa wa "Rwanda Youth Volunteers in Community Policing" ku rwego rw'Igihugu CSP URUJENI Jacqueline. Yari kumwe na bwana NSAZIYINKA Prosper umuhuzabikorwa w'Urubyiruko rw'abakorerabushake ku rwego rw'Intara.



Ni ibiganiro byahuje aba bayobozi n'Urubyiruko rw'abakorerabushake bo mu Karere ka Kamonyi, hagaragajwe ibikorwa bitandukanye byakozwe na Youth Volunteers bo muri aka Karere, haganiriwe ku bikorwa byo kwibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.



Abitabiriye banaganiriye ku matora ya Perezida wa Repubulika n'ay'abadepite ateganyijwe tariki 15 Nyakanga 2024 n'uruhare rw'urubyiruko kugira ngo ibi bikorwa byose bizagende neza.





# MINALOC YAKOZE UBUGENZUZI KU ISHYIRWAMUBIKORWA RYA GAHUNDA



Tariki ya 02 Mata 2024, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe iterambere ry'Ubukungu bwana Niyongira Uzziel yakiriye itsinda riturutse muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC) mu gikorwa cyamaze iminsi 3 cyo kugenzura ishyirwa mu bikorwa rya gahunda za Leta. Ubugenzuzi buzibanda kuri gahunda ya Girinka, Imihigo, imikorere ya PFM, kwigiranaho, ndetse no kureba udushya twahanzwe mu gushaka ibisubizo biteza imbere abaturage.



Iki gikorwa cyitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza Mme Uwiringira Marie Josee, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere bwana Abiyingoma Gerard, abayobozi b'abayobozi b'amashami ku karere, abakuriye serivisi zitandukanye.









## KOMISIYO Y'IMIYOBORERE MYIZA MURI NJYANAMA YARATERANYE

Tariki 30 Mata 2024, abagize Komisiyo y'Imiyoborere Myiza mu Nama Njyanama y'Akarere bayobowe na Perezida wayo Bwana INGANGARE Alexis, harimo Umunyamabanga w'Inama Njyanama Mme ISHIMWE Pascaline n'abandi bajyana bagize iyi komisiyo bakoze inama isanzwe y'ukwezi kwa Mata 2024.



Muri iyi nama haganiriwe ku biteganyijwe muri gahunda y'iterambere ry'Akarere (DDS 2024-2029) harangwa ibitekerezo ku byakongerwamo n'ibyanozwa, harebewe hamwe kandi imigendekere y'igikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi.



Nyuma y'inama basuye ikigo kigororerwamo abafite imyitwarire idakwiye n'abacyekwaho guhungambanya umudenzero w'abaturage (Rehabilitation Transit Center) harebwa ishyirwa mu bikorwa ry'inama zatanzwe ubushize n'imibereho y'abarimo kugororwa.





## ABATUYE I KARAMA BIBUTSE KU NSHURO YA 30 JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994

Mu Murenge wa Karama ku rwibutso rw'Akarere ka Kamonyi rwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 rwubatse mu Kagari ka Bunyonga mu Murenge wa Karama, tariki ya 22 Mata 2024 habereye gahunda yo kwibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.




Igikorwa cyaranzwe no gushyingura mu cyubahiro imibiri 495 y'Abatutsi bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, hatanzwe ubutumwa bw'ihumure ku barokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 no ku baturage bose muri rusange, ubu butumwa bukaba bwaratanzwe n'abayobozi mu nzego bwite za Leta, Abarokotse Jenoside batanze ubuhamya na Perezida wa Ibuka mu Karere bwana Benedata Zacharie.



Guverineri w'Intara y'Amajyepfo Mme Kayitesi Alice niwe wari umushyitsi mukuru, igikorwa cyitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere ka Kamonyi Dr. Nahayo Sylvere ari kumwe na bagenzi be bagize komite nyobozi y'Akarere, Umuyobozi w'Akarere ka Muhanga Mme Kayitare Jacqueline na VM wa Muhanga ushinzwe ubukungu, abagize inzego z'umutekano ku Ntara no mu Karere, inshuti n'abavandimwe bari baje kwifatanya n'abaturage bo mu mu Murenge wa Karama mu gikorwa cyo kwibuka by'umwihariko Abatutsi biciwe muri uyu Murenge muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.







## KAYUMBU: KWIBUKA KU NSHURO YA 30 JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994









Ku cyumweru tariki 21 Mata 2024 mu Murenge wa Kayumbu habereye Umugoroba wo Kwibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 by'umwihariko mu cyahoze ari Komine Rutobwe.

Igikorwa cyitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere ka Kamonyi Dr. Nahayo Sylvere, Umuyobozi w'Akarere ka Muhanga Mme Kayitare Jacqueline, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe iterambere ry'Ubukungu, abahagarariye inzego z'Umutekano n'abandi bayobozi batandikanye baje kwifatanya n'abanya Rutobwe.

Uyu mugoroba wabanjirijwe no gusezera imibiri 482 yimuwe mu mva rusange yari ku Murenge wa Kayumbu, ikazashyingurwa mu cyubahiro ku rwibutso rwa Bunyonga kuri uyu wa 22.04.2024.

Ku Rwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rw'Akarere rwa Bunyonga mu Murenge wa Karama naho habereye Umugoroba wo Kwibuka wabanjirijwe n'urugendo rwo Kwibuka rwahereye ku Murenge wa Karama kugera i Bunyonga. Muri iki gikorwa bifatanyije n' Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho myiza Mme Uwiringira Marie Josee n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere bwana Abiyingoma Gerard.



## HAKOZWE UMUGANDA RUSANGE USOZA UKWEZI

Mu Mirenge yose kuwa 27 Mata 2024 hakozwe umuganda rusange usoza ukwezi kwa Mata. Mu Murenge wa Gacurabwenge niho habereye ku rwego rw’Akarere umuganda rusange wabereye mu Mudugudu wa Kabatsi Akagari ka Kigembe. Umuganda wibanze ku bikorwa byo gusibura no gutanga imirwanyasuri.

Uyu muganda witabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage Mme UWIRINGIRA Marie Josee, Umuhuzabikorwa wa DASSO ku rwego rw'AkarereBwana KAYITAKIRE Theogene, Perezida w'Inama Njyanama y'Umurenge Bwana RUBADUKA Samson, Uhagarariye Police  ku Karere CIP Hiralie MUREBWAYIRE, Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abagore Mme Umuhoza Pacifique, hari kandi n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Gacurabwenge Mme UMUGIRANEZA Marthe.

Nyuma y'umuganda Abayobozi baganirije abaturage ku kwizihiza Umunsi w' Umurimo, Ikiganiro ku myiteguro y'amatora ya Perezida n'abadepite, kwicungira umutekano, kwirinda ibiyobyabwenge, kwita ku burezi n'uburere bw'abana.

Umuganda wasojwe no kugaburira abana indyo yuzuye ababyeyi bibutswa kwita kubana bakiri bato kugirango barusheho kurwanya imirire n'igwingira











# ABAGIZE KOMISIYO Y'UBUKUNGU MURI NJYANAMA BASUYE IMISHINGA Y'ITERAMBERE MU MIRENGE

Abagize komisiyo y'ubukungu muri Njyanama y'Akarere ka Kamonyi bari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe iterambere ry'ubukungu bwana NIYONGIRA Uzziel n'abakozi bo mu ishami rifite mu nshingano ibikorwaremezo basuye umushinga wo kubaka umuyoboro w'amazi wa Mbizi uri kubakwa muri Rukoma, Gacurabwenge na Rugalika.



Basuye kandi n'ikiraro cya Kinyaruka gihuza Umurenge wa Kayumbu na karama hagamijwe gukurikirana uko iyi mishinga iri gukorwa.



Abajyanama basanze icyo gihe imirimo yo kubaka umuyoboro w'amazi ugeze kuri 17.6% Imirimo yo kubaka ikiraro cya Kinyaruka kigeze kuri 54%.

Nyuma yo gusura imishinga yavuzwe haruguru, twasuye site y'imiturire ya Nyagasozi yo mu Murenge wa Gacurabwenge hagamijwe kureba aho igeze itunganywa ndetse no kurebera hamwe imbogamizi zaba zirimo.





# RUGALIKA: HABAYE IGIKORWA CYO KWIBUKA KU NSHURO YA 30 JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994








Tariki 12 Mata 2024 Kuri G.S St Pierre Kinyambi niho ku rwego rw'Umurenge wa Rugalika habereye igikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 30 Genocide yakorewe Abatutsi mu 1994. Uyu munsi watangirijwe no gushyira indabo kuri monument y'amateka ya Jenoside muri uyu Murenge wa Rugalika, iki gikorwa cyitabiriwe n'Umuyoboziw'Akarere ka Kamonyi Dr. NAHAYO Sylivere akaba yari n'umushyitsi Mukuru.





Hari kandi Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza Mme UWIRINGIRA Marie Josee, uhagarariye urwego rw'ubugenzacyaha RIB ku rwego rw'Akarere, uhagarariye Police ku rwego rw'Akarere, NISS, Uhagarariye Ibuka ku rwego rw'Akarere, Uhagarariye Inkeragutabara ku rwego rw'Akarere, Uhagariye Ingabo, umuhuzabikorwa wa DASSO mu Karere, Abanyamabanga Nshingwabikorwa Runda, Rukoma, Kayumbu, bakiriwe n'umunyamabanga Nshingwabikorwa w'umurenge Bwana NKURUNZIZA Jean de Dieu.

Igikorwa icyo gihe cyaranzwe n'ikiganiro ku mateka ya Jenocide yakorewe Abatutsi, ubuhamya, Indirimbo zidufasha kwibuka, ijambo ry'Uhagarariye Umuryango IBUKA, Igikorwa cyasojwe n'ijambo ry'umushitsi Mukuru..

**Bikozwe na:**

**Faustin NTAKIRUTIMANA**
**"PR & Communications"**